# IMFASHANYIGISHO ISOMO RYA 01: GUTEGURA INGEMWE ZA KAWA

**Intego**: Imikurire y'ibiti bya kawa no kwiyongera k'umusaruro wa kawa, byagiye biba isoko y'amafaranga yinjizwa kurwego rw'umuhinzi no kurwego rw'igihugu. Gutegura neza ubuhimbikoro bwa kawa ni ingenzi kuko rutegerezwaho kuzatanga umusaruro nibura mugihe cy'imyaka 30. Imicungire iboneye y'umwuka mwiza (oxygen), ubuhehere n'imirasire y'izuba ni byo bifasha igihingwa gukura vuba no kongera umusaruro. Ni yo mpamvu gutegura ubuhumbikiro neza ari ingenzi.

- ✓ Kawa ihumbikwa mu Ukwakira n'Ugushyingo.
- ✓ Imbuto nziza umuhinzi ayikura mukigo cyizewe gitanga imbuto zifite ubuziranenge
- ✓ Ikilo kimwe cy'imbuto kivamo ingemwe ziri hagayi ya 2,500 na 3,000
- ✓ Nibyiza kwinaza imbuto za kawa mu umucanga uyunguruye neza kugirango ingemwe zizakure, zizashore kure kandi zifite imizi igororotse. Umucanga wo mu mazi akenshi ni wo ubereye. Intungagihingwa si ngombwa cyane kuko ingemwe ziba zizifitiye.
- ✓ Umucanga wavuye mu mazi uba urimo udukoko twinshi dushobora kwangiza ingemwe. Niyo mpamvu ugomba kubanza kuwanika ku zuba ukica utwo dukoko mbere yo kuwukoresha
- ✓ Ingemwe zimara mubuhumbikiro amezi 3 -4, zikagemurirwa muri pepiniyeri zishyirwa mu bihoho birimo itaka ryiza rivanze n'ifumbire
- ✓ Muri pepiniyeri zimaramo amezi 5-8 zivomererwa, zibagarwa kandi zikarindwa indwara n'ibyonnyi.
- ✓ Ubuhumbikiro bukorerwa Igisenge gitanga igicucu kirinda ingemwe kugerwaho n'izuba ry'igikatu ndetse n'imvura nyinshi kuva imbuto za kawa zinazwa kugeza ingemwe zigiye guterwa mu murima.

**Icyitonderwa**: Imbuto ya kawa itegurwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (RAB) igashyikirizwa abahinzi binyuze mu nganda zitunganya kawa y'ibitumbwe